National Bank of Rwanda
Banki Nkuru y'u Rwanda

KN 6 Av.4/P.O. Box 531 Kigali-Rwanda
Tel: (+250) 788199000 /
Website: www.bnr.rw /
E-mail: info@bnr.rw /
Swiftcode: BNRWRWRW /
Twitter: @CentralBankRw

The Governor

ITANGAZO

Banki Nkuru y'u Rwanda iramenyesha abari bafite ubwizigame mu bigo by'imari icirirtse byafunzwe muri 2006 n'ibyahombye nyuma yaho batashoboye kwiyandikisha mu gikorwa cyabaye kuva ku itariki ya 14 kugeza ku ya 25 Ugushyingo 2016 ko igiye kubandika kugira ngo nabo bazashobore kubona 25% cyangwa 75% w'ubwizigame bari bafite muri ibyo bigo.

Kwiyandikisha bizatangira tariki ya 18 Mata 2017 birangire tariki ya 05 Gicurasi 2017 kandi bikorerwe ku cyicaro gikuru cya BNR i Kigali no ku mashami yayo yose akorera i HUYE, MUSANZE, RUBAVU, RUSIZI na RWAMAGANA.

Abiyandikisha bafite uburenganzira bwo kubikorera ahabegereye. Kwiyandikisha bizajya bitangira saa tatu za mu gitondo bigeze saa kumi z'umugoroba kuva ku wa mbere kugeza ku wa gatanu ku matariki yavuzwe haruguru.

Uwiyandikisha asabwe kuza yitwaje ibi bikurikira:

- Indangamuntu ku bantu ku giti cyabo;
- Iyo ari ikigo cyangwa itsinda byiyandikisha nabyo bisabwa kwerekana ikibiranga (icyemezo cy'ubuzima gatozi cyangwa ikindi cyemezo);
- Agatabo kerekana ubwizigame uwibaruza afite mu kigo cy'imari icirirtse yabitsagamo;
- Nomero ya konti ye muri Banki cyangwa ikigo cy'imari icirirtse (harimo n' UMURENGE SACCO) akorana nacyo izashyirwaho amafaranga azaba yabonetse kubera ko ntawe uzahabwa amafaranga mu ntoki;
- Nomero ya telefoni igendanwa ashobora guhamagarwaho n'amazina ya nyirayo mugihe iyo nomero itari iya nyirukwiyandikisha.

Icyitonderwa:

Banki Nkuru y'u Rwanda irashishikariza abo bireba kuzubahiriza amatariki yavuzwe haruguru kubera ko iyi ariyo nshuro ya nyuma yo kwiyandikisha kw' abari bafite ubwizigame muri ibyo bigo.

Bikorewe i Kigali, kuwa 30 Werurwe 2017

RWANGOMBWA John
Guverineri

NATIONAL BANK OF RWANDA: THE GOVERNOR